
# ISANO Y'UMUNTU N'IMANA

UMUBIRI-MANA, UMUBIRI-RUMURI, UMUBIRI-MWUKA, UMUBIRI-MUNTU

## BIKIRA MARIYA





UBUTUMWA BWAKIRIWE NA Sr MARCIANE

16 KANAMA 2023

MONAKI

COPYRIGHT 2024 MONAKI
Tous droits réservés.

Ingingo zigize igitabo : ISANO Y'UMUNTU N'IMANA

**BIKIRA MARIYA : ISANO Y'UMUNTU N'IMANA**.... 2

**INTANGIRIRO**...................................................... 2

**1. HABAHO IMANA MURI MUNTU NA MUNTU AGAHAMAGARIRWA KUBAHO MURI YO**..............12

**2. IMBARAGA N'IMIKORERE BY'UMUBIRI-MANA MU MUNTU**..........................................................22

**3. KUBAHO NO MU RUPFU NI UKWAMBARA UMUBIRI-RUMURI** .............................................29

**4. IHEREZO RYA MUNTU NI UKUBAHO YUNZE UBUMWE N'IMANA DATA** ....................................34

**UMWANZURO**......................................................39

## BIKIRA MARIYA : ISANO Y'UMUNTU N'IMANA

*UMUBIRI-MANA, UMUBIRI-RUMURI, UMUBIRI-MWUKA, UMUBIRI-MUNTU*

TARIKI 16 Kanama 2023

## INTANGIRIRO

Uhoraho Imana yahanze byose mu bubasha bwe kandi Uhoraho Imana ategura integuro ikozwe n'ububasha bwe kandi integuro yuzuye urumuri rwe kandi yuzuye ugushaka kwe muri byose kuko nta na kimwe Uhoraho Imana yahanze kitari mu bubasha bwe kandi nta na kimwe Uhoraho Imana yahanze bitanyujijwe mu mbaraga ze zikomeye kandi mu itegeko rye ryaremaga byose kandi rikabeshaho byose nk'uko Uhoraho Imana abivuze kandi abitegetse bityo buri kimwe cyose kikabaho ku bw'umugambi we kandi kikuzuzwa ku bw'ububasha bwe bukomeye. Niyo mpamvu Uhoraho Imana ari hejuru ya byose kandi Uhoraho Imana yisumbuye kure y'ubwenge bwa Mwene Muntu kandi akisumbura kure y'ibiriho byose kandi y'ibyo yahanze byose kuko ububasha bwe bwihagije muri byose kandi ubugenga bwe bukaba bwihagije mu biremwa byose yaremye kandi mu byo yahanze byose, Muntu rero yahawe kamere ya DATA kandi Mwene Muntu aremerwa mu rukundo rw'Imana mu rumuri rwa DATA urumuri nyarumuri kandi mu rumuri rw'ububasha rwaremye Mwene Muntu rukamuha ubuzima kandi akabumbwa n'urwo rumuri kuko Muntu Uhoraho Imana yari amuhangiye urumuri kandi akamuha imisusire ye kugira ngo Mwene Muntu ayigire kandi Muntu ayituremo maze ubwo bubasha bw'Imana DATA

bugendane na we kandi imbaraga z'Uhoraho Imana zimugenge iminsi yose kandi ibihe byose.

Muntu rero akozwe n'ububasha bw'Imana DATA kandi Mwene Muntu yahanzwe n'ububasha bukomeye bw'Imana DATA kuko byose Uhoraho Imana byari biri mu mugambi we kandi Uhoraho Imana akabitegura mu nteguro ye ihamye kandi mu nteguro ye yagombaga gutuma Muntu ahora iteka mu bumana kandi Mwene Muntu ahora iteka mu bubasha bw'Uhoraho Imana. Muntu rero yambaye kandi umubiri we ni kamere y'Imana kandi ni ububasha bw'Imana nzima kuko Uhoraho Imana ari ububasha kandi Uhoraho Imana akaba byose mu bemera ndetse no mu batemera kuko ububasha bwe ari bwo bwahanze byose kandi ibikorwa bye bikomeye, akaba ari byo yeguriye Mwene Muntu kugira ngo asumbe ibyo yahanze byose bityo amuha ububasha kandi amuha kuyobora no gutegekesha ukuri kwa DATA kuko Uhoraho Imana yari yashyize ijambo ry'ubuzima muri Muntu kugira ngo nawe yumve imbaraga zikomeye z'Uhoraho Imana kandi yumve ububasha bukomeye bw'Uhoraho Imana mu kubaho kwe kandi mu gukora ibikorwa biturutse mu bubasha bw'Imana isumba byose ari we Uhoraho Imana umuremyi wa byose.

Muntu rero yambaye izo mbaraga z'urumuri kandi Mwene Muntu yambaye ubwo bubasha-rumuri kuko Uhoraho Imana ari imbaraga kandi Uhoraho Imana akaba urumuri nyarumuri kandi urumuri Ijuru ryose rituyemo kuko ibiri mu Ijuru byose bituye mu rumuri kandi na Muntu wahanzwe yagombaga kubaho mu rumuri bityo umwanzi Sekibi atoba urwo rumuri kandi umwanzi Sekibi ahindanya urwo rumuri arupfundikiza

umwijima bityo Muntu ntiyakongera kubona uruhanga rubengerana rwa DATA kandi ntiyakongera kwibuka urumuri yahanzwemo kandi urumuri yashyizwemo, niyo mpamvu rero Uhoraho Imana yahaye Muntu ububasha kandi akagirana isano ikomeye n'ububasha bw'Imana isumba byose kuko Mwene Muntu afite isano ikomeye mu bubasha bw'Imana kandi afite isano karemano mu mutima w'ubuziranenge bwa DATA kuko ari ho Mwene Muntu yakuwe kandi agakurwa mu bitekerezo by'Uhoraho Imana mu kumurema mu kumuhanga kandi mu kumuha imisusire ye kugira ngo ahore iteka abengerana kandi ahore iteka aganje mu rumuri kandi ahore iteka ari mu bubasha bw'imbaraga z'urumuri mu gusakaza hose ububasha kandi mu gusakaza hose imirimo ikomeye y'urukundo rw'Imana DATA kuko urumuri rwa DATA ari urukundo kandi urumuri rwa DATA rukaba ibyishimo n'amahoro muri byose kuko muri DATA nta bushyamirane kandi muri DATA nta ntugunda zibamo ahubwo hahora ibyishimo kandi hakarangwa urumuri, Umwuka Muziranenge rero wa DATA Muntu yahawe kandi yahumetswemo kugira ngo umufashe gutagatifuza Isi kandi Mwuka Muziranenge wa DATA kugira ngo uhore iteka uhuza Mwene Muntu n'ububasha bw'Imana kuko ari cyo Uhoraho Imana yari yamusendereje kuko buri kimwe cyose kiri kuri Muntu kandi buri kimwe cyose Mwene yahanganwe kandi yaremanwe gifite icyo kivuze mu maso y'Uhoraho Imana kandi gifite icyo gitangaza mu bubasha bw'Imana DATA mu gusakaza imbaraga mu Isi kandi mu gusakaza ububasha bw'umuremyi wa byose kandi mu kwishushanya muri Muntu kugira ngo iteka ryose yumve urukundo rw'Imana kandi yumve imbaraga z'Uhoraho Imana kuko Muntu watagatifujwe kandi Mwene

Muntu uri mu rumuri ruhoraho rwa DATA nta kibi kimuranga iteka ahora mu rumuri kandi agahora iteka yaka nk'urumuri bityo akuzuza byose kandi akuzuza isano Muntu akwiriye kugira muri Uhoraho Imana kandi isano karemano Uhoraho Imana yahangiye Mwene Muntu kandi yamutujemo.

Ni ibikorwa rero by'ubuhanga bwa DATA kandi ni ibikorwa by'ububasha bwa DATA mu gusakaza imbaraga mu Isi kandi mu gusakaza impinduka zikomeye kugira ngo Mwene Muntu asubire kuri iyo sano kandi Mwene Muntu asubire kuri iyo kamere y'Uhoraho Imana yamuhangiye kandi yamuhanganye kuko Uhoraho Imana atazigera atuma isura ye kandi atazigera atuma Umwuka we Muziranenge kandi umusabano we na Muntu upfa ubusa kandi uhindana kuko ari igihe cyo kugira ngo izo mbaraga zose yari yifurije Mwene Muntu kandi yari yamuhanganye Mwene Muntu abashe kuzumva kandi abashe kuzituramo bityo zimufashe kwitagatifuza kandi zimufashe kubana n'Uhoraho Imana ubuziraherezo kandi kubana n'Uhoraho Imana uko bikwiriye Muntu yujuje byose kandi Mwene Muntu ahagaze ari mu rumuri rw'Imana kandi umubiri we wambaye isura y'ubumana kuko Uhoraho Imana atuye muri Muntu kandi ibikorwa bye byose bigakorerwa muri Muntu, niyo mpamvu Muntu akwiriye kubona isura y'Imana mu buzima bwe kandi akumva imbaraga zikomeye z'urukundo rw'Imana kandi urumuri rw'Uhoraho mu buzima bwe, hari byinshi rero byahindanyije iyo sura kandi hari byinshi byahinduye Muntu Uhoraho Imana yari yahanze kandi Muntu Uhoraho Imana yari yabeshejeho kuko umwanzi yamuhindanyije kandi umwanzi akamwereka ibidakwiriye

bityo akigumura ku rukundo rw'Imana ariko Uhoraho Imana agomba guhindura byose kandi agomba kugaragaza imbaraga ze zikomeye mu kuvugurura Mwene Muntu kandi mu kumusubiza ishusho nyakuri y'ubumana kandi mu kumusubiza imisusire nyakuri y'Uhoraho Imana mu kugamburuza kandi mu guhigika ibikorwa byose by'umwanzi bityo Muntu agasubira mu buziranenge bw'Imana DATA kandi agasubira mu isano ikomeye y'urukundo rw'Imana DATA umuntu-rumuri kandi umuntu w'ububasha kandi umuntu w'Umwuka Muziranenge wa DATA kuko Mwene Muntu ari ko agomba kubaho kandi ari ko agomba gusa kugira ngo abengerane ububengerane bw'Imana kandi asabagizwe n'ibyishimo bikomoka kuri Uhoraho Imana biture muri we kandi byumvikane muri we maze ahuze umugambi kandi ahuze intero na DATA nta kubusanya kandi nta kunyuranya kuko ari ko kubaho mu gushaka kw'Imana DATA nk'uko ibikorwa by'abamalayika n'abatagatifu bigaragara mu maso y'Uhoraho, Mwene Muntu hari byinshi byamuzibije amatwi kandi hari byinshi byaje bihuma amaso ye bityo icyo yagombaga kubona nk'icyiza akibona nk'ikibi kandi akibonamo ibikorwa bindi bityo yirengagiza urukundo yagombaga kubona kandi yirengagiza ineza yagombaga kwakira ikomoka kuri Uhoraho Imana kandi ikomoka mu bubasha bwa DATA iminsi yose kandi ibihe byose.

Ni igihe cyo kugira ngo umuntu asubirane iyo sura kandi igihe cyo kugira ngo Mwene Muntu yumve izo mbaraga zikomeye kandi yumve ubwo bubasha buhoraho bw'Imana DATA mu kumva imbaraga ze zikomeye kandi mu kongera kumva urwo rukundo kandi gusubira mu Mutima Muziranenge wa DATA

kuko ari ho Mwene Muntu yaremewe kandi ari ho Mwene Muntu yakuwe bityo ububasha bw'Imana DATA bumuha ubuzima kandi bumuha kumva izo mbaraga zikomeye, hari ibyishimo rero Mwene Muntu yavukijwe kandi hari imbaraga z'ububasha bw'Imana DATA mu Mwuka Muziranenge wayo, Mwene Muntu yambuwe ku bw'umwanzi kandi benshi batabashije kurwana urugamba kandi batabashije kumva imbaraga zikomeye z'uwabahanze kandi ububasha bukomeye bw'umuremyi wa byose bakomeza kohoka kuri izo mbaraga z'umwanzi bityo ntibakwinyagambura kandi ntibamwiyaka maze bakomeza kugengwa n'ububasha bw'umwanzi kandi kugengwa n'imbaraga z'umwanzi. Muntu rero wahawe kandi Mwene Muntu ugwatiriwe n'Uhoraho uwo wese yigiramo isura y'ubumana kandi uwo wese yigiramo ishusho nyakuri y'urumuri-mana kandi akigiramo Umwuka Muziranenge wa DATA mu buryo Uhoraho Imana awumusenderezamo kandi mu buryo Uhoraho Imana amuha ubwo bubasha kugira ngo abe koko mu mubiri wuzuye kandi mu mubiri uhumekwamo imbaraga zose z'Imana kandi ugaragariramo ububasha bwose bw'Uhoraho Imana; ni igihe rero cyo kugira ngo Mwene Muntu yumve izo mbaraga kandi Mwene Muntu yumve urwo rukundo rukomoka mu bubasha bw'Imana isumba byose kandi urwo rukundo rukomoka mu mbaraga z'Uhoraho Imana zigomba kumvikana muri we kandi zigomba kumvikana mu mubiri-muntu kugira ngo wihuze n'umubiri-mana mu buryo busendereye kandi mu buryo butagira ikibutandukanya kuko ugomba kuba umubiri umwe kandi ukaba koko umubiri w'ikuzo ry'Imana DATA mu buzima bwa Mwene Muntu bityo akihuza n'uwamuhanze kandi agasubira mu buziranenge bwa

DATA uko bikwiriye kandi uko Uhoraho Imana yahanze Mwene Muntu kandi uko Uhoraho Imana yamuteguye kugira ngo ature mu Isi ye ari urumuri kandi kugira ngo ature mu Isi y'Uhoraho Imana yuzuye ububasha kandi yuzuye imbaraga kuko nk'uko Muntu agaragara ko adafite ubuzima nk'ubw'inyamaswa kandi adafite imibereho nk'iy'inyamaswa ni nako akwiriye kumva ko ububasha bwa DATA akwiriye kubwakira muri we kandi imbaraga z'urumuri ruhoraho rw'Imana isumba byose akwiriye kurwumva muri we kugira ngo rumugenge rumuhindure kandi rumusukure bityo abe koko mu buzima buhoraho bw'Imana yahanze byose kandi Imana umutegetsi umusumbabyose.

Ni imbaraga rero z'ububasha bw'Imana DATA kandi ni igihe cyo kugira ngo ibyo bikorwa by'Uhoraho Imana kuva muri kamere yayo kandi kuva muri kamere Muntu akwiriye kwiyumva kandi akwiriye kwakira byose bikorwe bityo habeho isano rimwe kandi isano Uhoraho Imana yashyizeho kugira ngo ryumvikane mu rukundo rwe kandi urwo rukundo ruture muri Mwene Muntu uko Uhoraho Imana abyifuza kandi abishaka kuko ari ho ubuzima bugomba guhindukira bwa Muntu kandi akaba ari ho Mwene Muntu agomba kwambarira imbaraga kandi agomba kumvira ubwo bubasha bw'Uhoraho Imana mu kumugenga kandi mu kumuyobora uko urukundo rwa DATA rwahanze byose kandi urukundo rwa DATA rwaremye byose bityo rukaremera Mwene Muntu izo mbaraga kandi rukaremera Mwene Muntu ubwo bubasha bumugenga kandi bumufasha guhuza n'Uhoraho umugambi kandi guhuza n'Uhoraho Imana isano nyakuri y'urumuri rwe kandi isano nyakuri y'ububasha bwe.

Ni igihe rero cyo kugira ngo izo mbaraga zose z'Uhoraho Imana zigaragarize muri Muntu kandi zumvikane muri Muntu kuko hari byinshi bigomba kubakwa muri we byasenywe n'umwanzi kandi byasenyutse ku bw'ububasha bw'umwanzi ariko Uhoraho Imana akaba ari hejuru ya byose kandi akaba yiteguye kuvugurura Mwene Muntu kandi kumusubiranya uko amushaka kandi uko yamuhanze amukunze kandi akamuhangana urukundo rwinshi bityo akamuha ubwigenge bwose kandi akamuremera mu bwigenge bwe kugira ngo yisanzure mu byo yahanze kandi yumvikanishe imbaraga z'urumuri-mana mu bantu kandi yumvikanishe imbaraga z'urumuri-mana mu biremwa byose Uhoraho Imana yahanze mu kubigenga no mu kubiyobora kuko Muntu afite ububasha kandi Mwene Muntu Uhoraho Imana yamuhaye ububasha bwo kugira ngo yumve izo mbaraga kandi yumve ubwo bubasha bwa DATA mu gukora byose kandi mu kumva ububasha bw'umuremyi we mu mirimo kandi mu bikorwa Mwene Muntu agomba gukora mu isi kandi agomba kubaho mu Isi ko agomba gutura mu rukundo rw'Imana kandi agatura mu bugenga bwayo iteka ryose kandi ibihe byose kuko nta kizakuraho urwo rukundo rw'Imana kandi nta kizakuraho iyo sano ya Muntu n'umuremyi.

Ni igihe rero cyo kugira ngo izo mbaraga zigaragaze kandi iyo nzira Uhoraho Imana yashyizemo Mwene Muntu kandi yamuhanganye amwohereza mu Isi kugira ngo ikomeze kuba koko inzira y'ububasha kandi inzira ifasha Mwene Muntu kongera gusubira mu buziranenge bwa DATA kandi kongera guhabwa imbaraga z'urumuri n'umwambaro agomba

kwambara kugira ngo agengwe n'ukuri k'Uhoraho Imana kandi agengwe n'ububasha bwa DATA budatsindwa kuko Muntu agomba kuranganwa umubiri-mana kandi akaranganwa umubiri-rumuri kandi igihe cyose akaranganwa umubiri-mwuka muziranenge wa DATA ugomba gutura muri we kandi ugomba kumufasha kwiyumvamo ububasha bukomeye kandi ububasha bwisanzura muri byose ububasha budakumirwa kandi ububasha budahagarikwa kuko mu mubiri-mwuka ari ho havamo ibikorwa bikomeye kandi hakavamo ububasha bukomeye bukora ibitangaza kandi buhindura byose ku bw'Urumuri rwa DATA kandi ku bw'imbaraga zikomeye z'umuntu kuko Uhoraho Imana yamuhaye izo mbaraga kandi akamuha ububasha kubwo DATA atunze kugira ngo Mwene Muntu abutunge kandi aturane nabwo ature muri bwo igihe cyose ariko Mwene Muntu akaba atamenya ko icyo kirezi acyambaye kandi akaba adatuza ngo yakire izo mbaraga bityo igihe cyose akarangwa no guhuzagurika kandi akarangwa no gukebaguza yiyumvamo ko ntacyo ashoboye kandi yumva ko urukundo rw'Imana ruri kure ye kandi ububasha bw'Imana ntaho buhuriye na we.

Ni igihe rero cyo kugira ngo Mwene Muntu abibwemo kandi yumve izo mbaraga zikomeye zituye muri we kuko urumuri rw'Imana ruhora iteka rumurasiyeho kandi rugahora iteka rumugenzura rumurikiye umubiri we kuko Mwene Muntu abeshejweho n'urumuri rw'Uhoraho Imana kandi yambaye urwo rumuri mu buzima bwe, ni rwo rero rutuma Muntu abasha gutambuka kandi abasha kumva izo mbaraga zikomeye zimukomeza mu kubaho kandi zituma agera kuri byinshi kandi

akagera kuri biriya na biriya kubera urumuri rw'Imana rumumurikira kandi kubera Umwuka Muziranenge wa DATA adahwema kumwoherezaho kugira ngo umuramire kandi umufashe kumva neza kandi umufashe kugenda ahumuka kuko hari aho urumuri rwa DATA rwagiye ruramira Mwene Muntu kandi ububasha bwe bukomeye bwaguye bukiza Mwene Muntu kugira atazimira burundu kandi atibagirana bityo akaba agikomeje kuragirwa n'izo mbaraga kandi n'urwo rukundo rukomoka muri DATA Muntu yagiye aremanwa kandi muri izo mbaraga yagiye ahabwa mu mubiri we kugira ngo abashe guhuza umugambi na DATA kandi abashe guhuza ibikorwa na DATA; ni igihe rero cyo kugira ngo byose bigaragare kandi byose bishyirwe ku murongo biringanizwe bityo Mwene Muntu abe umwe n'urukundo rw'Imana DATA kandi abe umwe mu Mwuka Muziranenge wa DATA mu gusabana kandi mu kumva izo mbaraga zikomeye z'ububasha bw'Imana DATA muri byose mu kumugenga no kumuyobora iminsi yose kuko Muntu agomba kwiyumvamo ishusho nyakuri kandi agomba kwiyumvamo imisusire ndetse n'ubuziranenge bukomoka mu ikuzo rya DATA bugomba gutura muri we kandi bugomba kumwubaka iminsi yose kandi ibihe byose mu kubaho kwa Mwene Muntu.

## 1. HABAHO IMANA MURI MUNTU NA MUNTU AGAHAMAGARIRWA KUBAHO MURI YO

Uhoraho Imana ahora mu buzima bwa Mwene Muntu kandi Uhoraho Imana aganje mu buzima bwa Mwene Muntu mu kumuyobora kuko Mwene Muntu yubatswe n'imbaraga zikomeye z'urukundo rw'Imana kandi Mwene Muntu akaba yubatswe n'ububasha buhanitse bwa DATA mu gukora imirimo kandi mu gusakaza ibikorwa by'umusumbabyose muri Mwene Muntu binyuze mu mbaraga yamuhaye kandi mu mubiri yamwambitse kugira ngo asabane na we kandi Uhoraho Imana ahore iteka mu mibereho ya Mwene Muntu. Imana rero iganje mu buzima bwa Mwene Muntu kuko ihoraho iteka mu mibereho ye kandi Mwene Muntu akagendana n'ububasha bw'Imana kuko ari bwo bumurinda bukamuragira kandi bukamuha kubaho kandi bukamuha kwirirwa no kuramuka kuko urukundo rw'Imana ari rwo rutunze Mwene Muntu kandi urwo rukundo rw'Imana akaba ari rwo Mwene Muntu yahangiwemo n'ubwo isura nyakuri Muntu yagombaga kugira muri DATA umwanzi yayihindanyije kandi akayicamo kabiri ariko Uhoraho Imana ntiyigeze abura mu buzima bwa Mwene Muntu kuko ahora iteka amurasirijeho ububasha bwe kandi agahora iteka amurasirijeho imbaraga ze zikomeye mu kumucungira umutekano kandi mu kumubeshaho mu rumuri rwe rukomeye kandi mu rumuri rwe rutsinda byose.

Mwene Muntu rero yubatswe n'izo mbaraga zikomeye z'urumuri-mana kandi yubatswe n'izo mbaraga zikomeye z'ubumana nyakuri bugomba kurangwa muri we kandi

bugomba kumugenzura kuko ari bwo bumuha guhitamo ikibi n'icyiza kandi bukamuha kumenya igikwiriye n'ikidakwiriye mu maso y'Uhoraho Imana kuko buri wese agengwa n'ubwo bubasha kandi akagengwa n'urwo rumuri rumumurikira bityo rukamuha kubona icyerekezo kandi rukamuha kumenya ko bwakeye n'uko bwije, Muntu rero yahawe izo mbaraga kugira ngo atandukanye ibihe kandi abashe gutandukanya ugukora kw'Imana DATA ndetse n'ugukora k'umwanzi ariko ibyo bikorwa byose biri muri Mwene Muntu hari ubwo biteshwa agaciro kandi hari ubwo Mwene Muntu atabyitaho ngo amenye izo mbaraga zikomeye zimuyobora kandi amenye ko uruhanga rw'Imana ruhora iteka mu buzima bwa Mwene Muntu kandi imbere ya Mwene Muntu rumumurikira kandi rumuha icyerekezo.

Uhoraho Imana rero aganje mu mibereho ya Mwene Muntu kuko ahora muri we kandi agahora mu mibereho ye mu kumugenga mu kumugenzura kandi mu kumuha icyerekezo n'umurongo kabone n'ubwo Mwene Muntu atabasha kumva uwo Mwuka wa DATA umuhumekerwamo kandi uwo Mwuka wa DATA umugarura kandi ukamubwiriza icyo gukora kandi ukamuha icyerekezo ariko Mwene Muntu rimwe agakerensa izo mbaraga kandi agakerensa uwo Mwuka Muziranenge wa DATA, ni ububasha rero bw'Imana DATA kandi ni ububasha buhanitse bwa DATA bugenga Mwene Muntu kandi bukamuha icyerekezo bukamuha imbaraga kandi bukamuha kumenya ko Uhoraho Imana ari umusumbabyose kandi aganje mu buzima bwa Mwene Muntu, Uhoraho Imana rero ni urumuri kandi Uhoraho Imana ni Umwuka Muziranenge kuko Uhoraho Imana

ari Imana nzima koko kandi Imana yahanze byose yifitemo ububasha bwa byose kandi Imana itagira aho ihezwa kuko ijisho ryayo kandi ububasha bwayo bukwira mu Isi yose kandi butwikiriye Isi akaba ari na zo mbaraga Muntu akwiriye kwigiramo kugira ngo amenye kandi asobanukirwe n'ububasha bw'Imana yamuhanze kandi asobanukirwe n'ibikorwa byayo ariko bikaba bisaba Mwene Muntu ko agomba gutera iyo ntambwe kandi agomba kwakira izo mbaraga zikomeye kuko hari ibigomba gukorerwa muri we kandi hari ibigomba kumvikana muri we kugira ngo abashe kwakira urukundo rw'Imana kandi abashe kwakira imbaraga zihoraho z'umuremyi we kandi imbaraga zihoraho z'umuremyi wa byose mu kumuyobora ndetse no kumugenga kugira ngo iteka ahore mu rukundo rw'Imana kandi ahore iteka mu mbaraga zikomeye z'ububasha bw'Imana DATA kandi mu bubasha bukomeye bw'imbaraga z'ibyaremwe bitagaragarira Mwene Muntu biganje mu rumuri kandi bituye mu bubengerane bwa DATA igihe cyose kuko izo mbaraga zigomba kumvikana mu mibereho ya Muntu kandi zigomba kumvikana mu kiremwa muntu cyane cyane Muntu wifitemo umubiri kandi Mwene Muntu wifitemo urumuri-mana kandi akigiramo ububasha bw'Umwuka w'Imana bugomba kumuyobora kandi bugomba kumufasha gukora igikwiriye kandi bugomba kumufasha gukora igitunganye gitunganiye umugambi wa DATA kandi gitunganiye ibikorwa by'Uhoraho Imana.

Hari imbaraga rero Mwene Muntu agomba kwiyumvamo kandi zigomba kumutwikururaho ikibi cyose cy'umwanzi kuko umubiri ufatika Muntu yambaye ugomba gukurwaho kugira

ngo ahore iteka mu mubiri-rumuri kandi ahore iteka mu mubiri-mana ugera hose kandi umubiri-mana usabana na bose kandi ugasabana na byose mu byaremwe byose kuko Uhoraho Imana Umwuka we ntaho uhezwa kandi Umwuka we ugaragarira mu byahanzwe byose, Muntu rero agomba kubaho muri Uhoraho Imana kandi akazamuka mu bubasha bw'Imana kugira ngo asubirane iyo kamere kandi asubirane iyo shusho bityo abashe gukora byose kandi abashe gukorera byose mu rukundo rw'Imana DATA kandi abashe kubaho byose mu bubasha bw'Imana DATA kuko ari ho Mwene Muntu agomba gukomora imbaraga kandi agomba gukura ububasha bumufasha kubaka umubano we n'Imana kandi gusubira kuri kamere ndetse n'isano nyakuri Uhoraho Imana afitiye Muntu kandi isano nyakuri Uhoraho Imana afite muri Mwene Muntu kuko Uhoraho Imana ari we uri muri Muntu na Muntu akaba agomba kubaho koko muri Uhoraho abikuye ku mutima kandi abikunze kuko hari ibigomba gutandukanywa na Mwene Muntu kandi bigomba kumukurwaho kugira ngo abashe kubona ububengerane bw'Imana DATA kandi abashe kubaho mu rumuri nk'urwo abamalayika n'abatagatifu baganjemo bityo rumufashe guhora iteka asabanye n'urukundo rw'Imana kandi guhora iteka yumva izo mbaraga z'umusabano kandi isano nyakuri n'inkomoko ye agomba kugira mu rukundo rw'Imana DATA kandi agomba kwakira ububasha bw'Imana isumba byose.

Muntu rero umwanzi yamwambuye umubiri kandi amwambura iyo shusho y'ubumana yagombaga kwiyumvamo kandi umubiri-mana Mwene Muntu yagombaga kwiyumvamo

muri we kandi wagombaga kumufasha gutsinda ibishuko byose bya Sekibi kandi gutsinda imbaraga zose z'umwanzi ndetse no kwikura mu maboko yose y'umwanzi bityo Mwene Muntu umwanzi amwereka ko nta bubasha afite kandi amwereka ko nta sano afitanye n'umuremyi we ko Uhoraho Imana adakwiriye kumvikana mu buzima bwe bityo Mwene Muntu arangwa no kwiheza kandi arangwa no kwipfobya ariko kugenda azimirizwa urumuri rwagombaga kuba mu mubiri we kandi urumuri rwagombaga kumufasha kubona ko koko asangiye kamere n'Imana DATA kandi ko Imana iri muri we kandi ituye muri we bityo ubwo bubasha bwose umwanzi agenda abwambura Mwene Muntu kandi agenda amukura kuri iyo soko ngari y'Umwuka Muziranenge wa DATA bityo Mwene Muntu agenda ahezwa kandi agenda asubizwa inyuma nk'uri gukenderwamo n'umwuka kandi nk'uri kugenda adandabirana kuko Umwuka Muziranenge wa DATA umwanzi yari ari kugenda awuvangavanga kandi awuhindanya, ni igihe rero cyo kugira ngo izo mbaraga zikomeye z'ububasha bw'Imana DATA yahanganye na Mwene Muntu kandi izo mbaraga zikomeye Mwene Muntu akwiriye kwiyakiramo kugira ngo zimufashe kumva koko ko kamere y'Imana kandi zimufashe koko kumva ububasha bw'Imana isumba byose ko ari ukumva izo mbaraga kandi ari ukwiyumvamo ubwo bubasha bumuha kumva ko Imana ari yo ituye muri we kandi kumva ko Imana yamuhanze mu ishusho yayo kandi yamuhanze mu bubasha bwayo bityo Mwene Muntu akiyumvamo izo mbaraga kuko ari bwo buryo bwo gutsinda umwanzi kandi ari bwo buryo bwo kwigizayo umwanzi maze Mwene Muntu akumva ko Imana ihoraho muri we kandi

akumva ko Uhoraho ahoraho ibihe byose kandi na Muntu agomba guhoraho ibihe byose ubudapfa ubutazimira kandi ubutazimizwa n'ibikorwa by'umwanzi.

Ni urugamba rero Mwene Muntu agomba kujyamo yiyumvamo ubwo bubasha kuko ari bwo buzamufasha gutsinda kandi bukamufasha kutegerwa n'umwanzi no kutavogerwa na we kuko azaba yiyumvamo igitinyiro cy'Imana DATA kandi akiyumvamo umubiri-mana umufasha kurwana kandi umubiri-rumuri umufasha kubaho kimalayika kandi umufasha gutsinda ibikorwa byose by'umwanzi kuko abamalayika babereyeho kurwana n'izo mbaraga z'umwanzi kandi babereyeho kurwana n'ubwo bubasha bityo Mwene Muntu akaba yifitemo izo mbaraga zo gutura mu mubiri-rumuri kandi gutura mu mubiri-mana asabanyishijwe n'izo mbaraga kandi asabanyishwa n'ububasha bw'Umwuka Muziranenge w'Uhoraho Imana ugomba kumufasha gukomera kandi ugomba kumufasha kuba koko Muntu wuzuye kandi Muntu ufite umubiri utavushwa amaraso kandi umubiri ukomeye wubakiye ku bubasha bw'Imana kandi ku rumuri nyakuri rw'Uhoraho Imana rudatsindwa kandi urumuri rw'Uhoraho Imana rutavogerwa kandi rutigizwayo n'ububasha bwose bw'umwanzi.

Hari icyizere rero Mwene Muntu yambuwe n'umwanzi kandi hari icyizere Mwene Muntu yagombaga kugira muri Uhoraho ndetse n'ukwemera gukomeye yagombaga kwiyumvamo kugira ngo ature mu rukundo rw'Imana ibyo byose byagiye biteshwa agaciro n'umwanzi kuko yari azi akamaro kabyo kandi yari azi imbaraga zabyo bityo Mwene Muntu avutswa ubwo

burenganzira kandi avutswa ibyo byiza Uhoraho Imana yari yaramuteguriye ariko ububasha bw'Imana ntaho bwagiye muri Muntu kuko buganje muri we kandi Uhoraho Imana ahora iteka muri Muntu amutegereje kugira ngo ahindukire abone ubwo bwiza bw'Uhoraho Imana mu mubiri we kandi mu buzima bwe maze uko yakiriye urukundo rw'Imana DATA bikamufasha kubakika kandi bikamufasha guhura n'ububengerane bw'Imana kandi kwinjira mu mutima utagira inenge w'Imana DATA mu buzima bwa Muntu kandi mu mibereho ye yose bityo agatsinda ibyago byose kandi agatsinda amagorwa yose yo mu Isi kuko aba yuzuye imbaraga kandi aba yuzuye ububasha bityo agahangana n'imitego yose y'umwanzi kandi akavogera ibikorwa byose by'umwanzi akabitsinda mu bubasha bwa Kristu-Rumuri kandi Kristu-Muziranenge we wazanye ububasha bwa DATA mu Isi kandi akazana imbaraga zikomeye z'ubuhanga bwa DATA mu Isi kugira ngo Mwene Muntu uko yakiriye izo mbaraga kandi inzira amunyujijemo yo kumwereka imbaraga zo gutsinda umwanzi kandi kumwigisha kubaho muri DATA akora imirimo kandi Mwene Muntu akora ibitangaza.

Yari aje rero kuvugurura Isi kandi yari aje kumvikanisha imbaraga zikomeye z'ubuziranenge bwa DATA kandi imbaraga zikomeye z'urumuri rwa DATA rudatsindwa kandi urumuri rwa DATA rutavogerwa, Mwene Muntu rero iyo nyigisho yagombaga kuyakira kandi yagombaga kuyakira muri we kugira ngo ivugurure byose kandi isenye byose nk'uko umubiri waremewe kubaho mu buziranenge bw'Uhoraho Imana kandi umubiri ugakora n'icyaha ugacumura ni nako Mwene Muntu

agomba kuzamurwa mu mbaraga z'uwo mubiri asukurwa yambikwa imbaraga kandi yambikwa urukundo n'umwambaro mushya muri Kristu Nyagasani we watsinze byose kandi we wiyambuye umubiri upfa w'umwanzi kandi akiyambura ibikorwa byose by'umwanzi bityo agatahukana intsinzi kuko ari cyo yari aje gushimangira mu Isi kandi ari cyo yari aje kwigisha ndetse no kurangiza kugira ngo Mwene Muntu utoye iryo somo kandi Mwene Muntu ubonye iyo sano nyakuri y'umubiri-mana n'umubiri-muntu kugira ngo bimufashe koko kwiyambura umubiri-muntu bityo yambikwe umubiri-mana kandi yambikwe urumuri-mana.

Ni imbaraga rero zisaba ko Mwene Muntu yita ku rukundo rw'Imana kandi Mwene Muntu atuza akumva ko ibikorwa by'Uhoraho Imana biri muri we kandi agatuza akumva ko imbaraga z'Uhoraho Imana zituye mu buzima bwe kandi zubatse imibereho ye kandi zubatse ubuzima bwe igihe cyose, hababaho rero kwitindaho kandi hakababaho kwiheza ndetse no kumva ko Uhoraho Imana ari kure kandi Uhoraho Imana intaho ye itazwi kandi itariho bityo Mwene Muntu agahitamo gufata ibyo abonye kandi agahitamo kwandavuza umubiri we nyamara Uhoraho Imana awutuyemo kandi Mwene Muntu ari ingoro y'Uhoraho Imana kandi ingoro nyabuzima igomba gutanga ubuzima hose kandi igomba guhembura bose; ni igihe rero Muntu agomba kwakira izo mbaraga kandi agomba kumva ko ububasha bw'Imana buri hejuru ya byose kuko ibikorwa byo kwigaragaza kwa DATA mu kiremwa muntu bigomba gukorwa kandi bigomba kumvikana kugira ngo Mwene Muntu amenye ko ububasha bw'Uhoraho Imana buganje muri we kandi

ububasha bw’Uhoraho Imana ari bwo agomba guturamo kandi ari bwo agomba gusabana nabwo igihe cyose bityo akava mu bwigunge bw’umwanzi kandi akava aho umwanzi yamuhejeje kandi yamutsikamirishije imbaraga ze bityo akakira urumuri ruhoraho rwa DATA kandi akinjira mu mubiri-mana bityo agahora iteka ari umubiri-rumuri kandi umubiri-mwuka ukora Muntu muzima kandi Muntu wuzuye ufite ububasha kandi ufite imbaraga zikomeye muri Uhoraho Imana mu kugamburuza mu gutsinda ibikorwa byose by’umwanzi kandi mu guhigika ububasha bwose bw’umwanzi yemera kwakira imbaraga z’urumuri kandi yemera kwakira imbaraga z’ububasha bw’Imana ihoraho Imana yahanze byose kandi Imana itegeka byose ikabeshaho byose mu rukundo rwayo kandi mu mbaraga zayo kuko Mwene Muntu ubwo bubasha ari bwo agomba kumva kandi ari bwo agomba guturamo kugira ngo bumufashe guhindura byose kandi bumufashe kubaho abeshejweho n’imbaraga z’umuremyi wa byose kandi n’ijambo ry’Uhoraho Imana umutegetsi kandi umugenga w’ibiriho byose.

Mwene Muntu rero abeshejweho n’imbaraga z’Uhoraho Imana kandi abayeho kuko Uhoraho Imana ari muri we kandi atuye mu buzima bwe iminsi yose kandi ibihe byose kuko Uhoraho Imana atava muri Muntu kandi Uhoraho Imana ahora iteka mu buzima bwa Mwene Muntu bityo agahora amuha imbaraga zimufasha gutura mu Isi kandi imbaraga zimufasha kubaho ubuzima bwose kandi ibihe byose, ni igihe rero cyo kugira ngo Muntu ahumurwe amaso kandi Mwene Muntu akurwe ikibi cyose cyamugiye mu maso kugira ngo abashe

kwakira imbaraga z'urumuri rw'Imana kandi abashe kubaho kuko mu mubiri-mana kandi no mu mubiri-rumuri yujujwe imbaraga z'Umwuka wa DATA kandi yujujwe imbaraga z'umubiri ugomba kuzuzwa umwuka w'ubuziranenge bw'Imana muri we kugira ngo abeshweho n'urukundo rw'Imana kandi abeshweho n'imbaraga zikomeye z'umuremyi Imana umusumbabyose.

## 2. IMBARAGA N'IMIKORERE BY'UMUBIRI-MANA MU MUNTU

Umubiri-mana nizo mbaraga nyakuri z'ububasha bw'Imana DATA mu muntu kandi umubiri-mana nizo mbaraga Yezu Kristu yaje kumvikanisha mu Isi kuko aho umubiri-mana uri warangije kuzuzwa mu muntu kandi warangije kumvikana mu buzima bwa Mwene Muntu ibikorwa byose bya Muntu birazimira kandi ibikorwa byose bya Muntu bigahinduka bityo bigahinduka ububasha bw'Imana gusa kandi bigahinduka imbaraga z'Uhoraho Imana mu gutegeka kandi mu gusakaza urumuri kuko Uhoraho Imana ari urumuri kandi Uhoraho Imana akaba ububasha nyakuri busendereye kandi butwikiriye Isi yose kuko ububasha bw'Imana ari bwo Kristu Nyagasani yamanuye mu Isi kandi yazanye mu Isi mu kugaragaza ibitangaza bikomeye kandi mu gukora ibikorwa Muntu atashoboraga kumva mu bwenge bwe kandi adashobora gushyikira mu bitekerezo bye ndetse no mu marangamutima ye kuko Kristu Nyagasani yaje gusobanura byose akoresheje umubiri-mana kugira ngo agaragaze ububasha bw'ibikorwa byawo kandi agaragaze imirimo yawo mu muntu.

Umubiri-mana rero ukuraho igihu cyose kandi umubiri-mana utuma Mwene Muntu abasha gutsinda ibikorwa byose by'umwanzi kandi akiyakiramo ububasha bwose bw'urumuri kandi akiyakiramo imbaraga zose z'ubusendere bw'Umwuka Muziranenge wa DATA kuko aba atakibereyeho ahubwo aba ahumeka impumeko iturutse mu bubasha bw'Imana DATA kandi agakora byose ayobowe n'ukuri kw'Imana DATA mu

mvugo mu bikorwa ndetse no mu ngiro ya buri kimwe cyose akora kuko aba atakibereyeho ahubwo aba abereyeho umugambi w'Imana kandi akanogera imbaraga z'ububasha bw'Imana DATA mu Butatu Butagatifu.

Umubiri-mana rero ni wo ukora ububasha bw'Ubutatu Butagatifu kandi ni wo uha Mwene Muntu kunga ubumwe koko n'Uhoraho Imana kuko aho Uhoraho Imana yasesekaye kandi aho Uhoraho Imana yasendereje ububasha bwe nta kindi kiba kiharangwa haba hari isuku nyakuri kandi haba hari ubusendere bwuzuye bw'ububengerane bw'Imana DATA kuko urukuta rwari ruriho hagati ya Muntu n'Uhoraho Imana Kristu Nyagasani yaje kurusenya kugira ngo buri wese abashe kwakira izo mbaraga kandi abashe kwiyumvamo ububasha bw'umubiri-mana muri we n'ubwo benshi batarabasha kumva iyo mikorere kandi benshi batarabasha kumva izo mbaraga kuko Isi yagiye ikomeza kuvangavanga ubwo bubasha bwa DATA kandi igakomeza kuvangavanga ibyo bikorwa ndetse nicyo Kristu Nyagasani yari aje gushimangira mu Isi ndetse no kugaragaza mu Isi ariko nta kizabuza izo mbaraga kumvikana kuko ububasha Kristu Nyagasani yasize mu Isi ari bwo bugikomeje kuyirinda kandi bugomba gukuramo ikibi cyose kandi bukigizayo imbaraga zose z'umwanzi kugira ngo humvikane koko ububasha bukomeye.

Kristu Nyagasani yagaragaje ko we na DATA ari umwe kuko bari bunze ubumwe kandi ibyo yakoraga byose yabikoreraga mu bumwe na Se kuko bari bahuje umugambi kandi bari bahuje intero kuko yari yambaye umubiri-mana kandi asendereye koko ububasha bwawo muri we bityo bigatuma Isi itamufata

kandi bigatuma Isi itamugiraho ububasha kandi itamwihererana ngo imuherane kuko yagaragaje imbaraga ze zikomeye mu kugaragaza umubiri w'ikuzo kandi umubiri-rumuri atangaza izuka hose akaka nk'izuba kandi akabengerana mu ikuzo rya DATA bityo akagaragaza imbaraga z'umubiri-rumuri ko ari umubiri ukora byose kandi umubiri-mana ukigaragaza uko ushatse mu gihe ushakiye kandi mu mwanya nyawo ukwiriye wo gutangaza ibikorwa bikomeye by'Uhoraho Imana yazanye rero inyigisho ikomeye mu Isi kandi yaje gutangaza ubwo bubasha kugira ngo buri wese uri mu Isi kandi buri wese wumva urukundo rw'Imana abashe kwiyumvamo izo mbaraga kandi abashe kwiyumvamo ubwo bubasha bumufasha gusabana kandi kwakira imbaraga z'umubiri-mana muri we kandi kwakira ibikorwa byose bifungura ububasha bw'Imana DATA mu buzima bwa Mwene Muntu.

Uwakiriye rero umubiri-mana aba afunguriye Ijuru ryose kandi aba abaye ikiremwa gishya mu buryo bufatika kandi mu buryo busendereye kuko aba atakiri umuntu umwe ahubwo aba ari inyanja ngari ububasha bw'Imana DATA mu Isi yose bityo agahora iteka ari mu bubengerane bw'Imana DATA kandi agahora iteka ari muri izo mbaraga z'urumuri rubengerana kandi rumurikira bose kandi rugatwikira bose kuko uri mu rumuri rw'Imana DATA kandi uwakiriye imbaraga z'umubiri-mana ntabwo aba akigenda mu mwijima kandi nta n'ubwo aba akigenda ahuzagurika kuko aba ahagaze akomeye kuko Uhoraho Imana ari ububasha kandi Uhoraho Imana akaba imbaraga zitavogerwa kandi imbaraga zitanyeganyezwa

ntabwo rero Uhoraho Imana ajya ahinduka kandi nta n'ubwo Uhoraho Imana ajya akurwa mu mwanya we kuko intebe ye ayihoraho kandi ijambo rye rigahora ribibwa hose kandi ijambo rye rigahora ari rimwe kandi ari rizima ritanga ubuzima kandi rikiza bose ku bw'imbaraga zaryo, niyo mpamvu rero uwakiriye umubiri-mana aba yafungiriye Ijuru ryose kandi aba yahaye Uhoraho umwanya wo kugira ngo akore muri we kandi Uhoraho Imana akagaragaza izo mbaraga zikomeye mu guhagarika ibikorwa byose by'umwanzi kandi mu guhagarika imbaraga zose zituruka ku myumvire uya Mwene Muntu kandi ku marangamutima ye, niyo mpamvu rero umubiri-mana ari umubiri w'imbaraga kandi ari umubiri w'ububasha uhirika byose kandi ukubaka byose mu rukundo rw'Imana DATA kandi mu mbaraga zayo kuko usendereye ubwo bubasha kandi ufite izo mbaraga ntabwo anyeganyezwa kandi nta n'ubwo ajya atsindwa ku rugamba kuko atahukana intsinzi kandi agahora iteka agaragaza imirimo ikomeye agatambuka hose nta na hamwe akomwe imbere kandi nta na hamwe avogerewe cyangwa ngo haburizwemo ibikorwa yagombaga gukora kuko aba asendereye ububasha bw'Imana DATA kandi aba asendereye imbaraga zihoraho z'umuremyi wa byose.

Umubiri-mana rero nibwo bubasha Muntu agomba kumva kandi nibwo bubasha Mwene Muntu agomba kwakira muri we mu kumvikanisha ukuri kwa DATA kandi mu kumvikanisha imbaraga z'Uhoraho Imana mu buzima bwe kandi mu kumvikanisha intsinzi ikomeye y'ibikorwa bya DATA mu mubiri Muntu agomba kugira kandi mu mubiri Mwene Muntu agomba kwiyumvamo mu kwakira ububasha bw'Imana kandi mu

kwakira ibikorwa by'umugambi w'Imana mu buzima bwa Mwene Muntu, ni imbaraga rero zidatsindwa kandi ni imbaraga zitavogerwa kuko uri muri zo kandi uwashyikiriye koko umubiri-mana aba ari ku gasongero k'umutsindo w'ibikorwa bya DATA mu Isi kandi ibikorwa Kristu Nyagasani yaje kumvikanisha mu Isi bityo agatsinda Isi kandi agatsinda n'ibyayo byose bityo akambikwa imbaraga zikomeye kandi akagaragaza ububasha bwa Se mu gukora ibitangaza mu Isi kandi mu kugaragaza ikuzo asangiye na Se ko ari ikuzo rimwe kandi ari ikuzo rigomba gutsinda ikibi cyose kandi ikuzo rigomba guhigika ikibi cyose, niyo mpamvu rero yaje gusakaza imbaraga mu Isi kandi akaza kweyura ikibi cyose cyari gitambamiye Mwene Muntu kugira ngo abashe kugenda yumva kandi abashe kugenda asobanukirwa n'ububasha bw'umubiri-mana muri we mu kubwakira kandi mu kubwumva kuko bihera mu mbaraga z'umutima bityo uko umutima wafunguriye Uhoraho Imana bityo imbaraga zose z'umwanzi zikagenda zigizwayo kandi zikagenda zikurwa mu nzira maze Muntu akaganza muri rumuri rw'Imana kandi Mwene Muntu akaganza mu bikorwa by'Uhoraho Imana mu buryo busendereye kandi mu bubasha butavogerwa bw'ukuri kwa DATA kuba gutuye muri we kandi kuba kuganje mu buzima bwe.

Ni ibikorwa rero bikomeye kandi ni ibikorwa by'imbaraga biba bigomba kwigaragariza muri Mwene Muntu kandi biba bigomba kumvikana mu buzima bwe kugira ngo igihe cyose ahorane izo mbaraga kandi igihe cyose ahorane ubwo bubasha bukomeye buturuka ku Mana DATA kandi buturuka mu

bubasha bwayo budashobora gutsindwa kandi budashobora guhirikwa kuko uri muri DATA kandi uwakiriye imbaraga ze zihoraho kandi akakira ububasha bwe butavogerwa nta gishobora kumutsinda kandi nta n'igishobora kumutsikiza kuko igikomye cyose aratambuka kandi ikimusatiriye cyose agatambuka kuko ntaho aba ahezwa aba yuzuye Umwuka Muziranenge kandi aba yuzuye ububasha buhoraho bw'Imana DATA mu gukora byose kandi mu kugamburuza imigambi yose y'umwanzi ndetse no guhigika ibikorwa byose by'umwanzi kuko ububasha bw'Imana aho buri imbaraga zose z'umwanzi zirahezwa kandi zikigizwayo kandi hakagaragara umutsindo ibihe byose kandi iminsi yose.

Uwakiriye rero imbaraga kandi akagendera mu bikorwa by'umubiri-mana uwo ntatsindwa kandi ntavogerwa n'ububasha bw'umwanzi kandi ntavogerwa n'imbaraga z'umwanzi kuko azitahurira kure aba asendereye ububasha bwose bw'Ijuru kandi asendereye imbaraga zose z'Imana DATA kuko kwakira Imana DATA ari byo bifungura imiryango y'Ijuru kandi bigafungura ibikorwa by'Ijuru mu muntu kugira ngo iteka asabane n'ukuri k'Uhoraho kandi asabane n'imbaraga zihoraho z'ububasha bw'Imana isumba byose kandi Imana itavogerwa, imbaraga rero n'imikorere by'umubiri-mana mu muntu nibyo bimuha kwakira kandi nibyo bimuha kubona ukuri kwa DATA kandi bikamuha kubona imbaraga z'ububasha bw'Imana mu gukora kandi mu guhindura byose, uwasingiriye rero kandi uwanyuze kuri Kristu Nyagasani muri urwo rumuri kandi muri izo mbaraga yazaniye Isi asingira byuzuye kandi akambikwa byuzuye umubiri-mana muri we bityo akisanzurira

muri wo kandi agakorera byose muri wo nta kimuziga kandi nta kimutandukanya n'ubwo bubasha bw'Uhoraho Imana kandi nta kimutandukanya n'ibikorwa by'Uhoraho Imana muri we ibihe byose kandi iminsi yose.

## 3. KUBAHO NO MU RUPFU NI UKWAMBARA UMUBIRI-RUMURI

Urupfu ntirubaho imbere y'uwambaye umubiri-rumuri kuko ahora iteka yaka urwo rumuri kandi agahora iteka abengerana ubwo bubengerane bwarwo bityo urupfu ntirumusatire kandi urupfu akarutambukamo agakataza kandi agakomeza kubaho mu bubasha bw'Imana isumba byose kandi agakomeza kubaho muri DATA abeshejweho n'imbaraga z'ikibatsi cy'ubuzima gikomoka muri DATA kandi ikibatsi gihoraho cy'urumuri rwa DATA ruhora rumurika mu buzima bw'abemera kandi mu buzima bw'abakiriye umubiri-rumuri wa DATA muri bo, umubiri rero rumuri ubasha Mwene Muntu kwakira izo mbaraga kandi ugafasha Mwene Muntu mu kwitagatifuza ndetse no kurushaho gusa n'Uhoraho Imana kandi kurushaho gusa n'ibikorwa bikomeye bya DATA mu kwemera gutambuka muri byose kandi mu kwemera kunyura muri byose nk'uko Kristu Nyagasani yatambutse ahakomeye kandi akiyambura byose kugira ngo ububasha bw'Imana DATA bwigaragarize Isi yose kandi bwumvikane muri buri kiremwa cyose gituye Isi kandi muri buri kiremwa cyose cyahanzwe n'urukundo rw'Imana kuko kigomba gutura muri urwo rumuri kandi kigatura muri izo mbaraga zarwo mu gutsinda ibikorwa byose by'umwijima kandi mu gutsinda imbaraga zose z'umwanzi kuko uganje muri DATA kandi uri mu rumuri rwe nta kimuvogera nta kimusatira kuko aba abeshejweho n'ububengerane bw'urumuri rwa DATA kandi akabaho iteka mu mbaraga ze zikomeye adatsindwa kandi atibagirana kuko ubuzima bwe buhoraho kandi agahora iteka mu biremwa

byose biganje mu rumuri, urumuri rero rw'Imana ntirujya ruvogerwa kandi urumuri rw'Imana ntirujya ruzimywa kuko ruhora iteka rwaka kandi rugahora iteka rubengerana ikuzo rya DATA kandi rubengerana ububasha bw'Umuremyi wa byose.

Urumuri rw'Imana rero ni rwo rumurikira Mwene Muntu kandi rukamufasha kubaho ibihe byose kandi rukamufasha gutunganirwa mu rukundo rw'Imana nta kimuvogera kandi nta kimuhutaza kuko uganje mu rumuri rw'Uhoraho Imana ahorana imbaraga bityo igihe cyose agahora akataje mu mbaraga zikomeye kandi mu mbaraga zidatsindwa kuko Uhoraho Imana aba aganje muri we kandi ububasha bwa DATA budapfa kandi ububasha bwa DATA bugahoraho igihe cyose, uri mu bubasha rero bwa DATA ntatsindwa kandi uri mu bubasha bwa DATA ntabwo avogerwa n'urupfu kuko ahorana iteka ubuzima kandi agahora iteka abengerana urwo rumuri rw'umusumbabyose mu buzima bwe bwa buri munsi kandi mu mibereho ye ya buri munsi kuko nta kiba kimukuriraho imbaraga zose Uhoraho Imana aba amwambika kandi imbaraga zose Uhoraho Imana aba agabira Muntu mu bubasha bwe budahangarwa kandi mu bubasha bwe butavogerwa.

Umubiri rero rumuri ufasha Mwene Muntu guhora iteka abengerana ikuzo rya DATA kandi guhora iteka yunze ubumwe na DATA kuko ibyo bihira abamaze gukuraho ikibi cyose kandi bakiyambura umubiri bakiyambura iby'Isi kandi bagapfobya ibikorwa byose by'umwanzi kuko uri mu rumuri rw'Imana aba yararangije kumenya isano afitanye n'umuremyi we kandi isano afitanye n'ububasha bw'Imana bityo agahora iteka mu buzima buhoraho kandi agahora iteka mu bubasha

budashyirwa hasi kandi mu bubasha budakumirwa buhora iteka mu buzima bwe bumuzamura mu bubengerane bw'Imana bityo agahora atsinda icyago cyose kandi agahora atsinda imitego yose y'umwanzi maze imbaraga ze zikamufasha kubaho abereyeho Imana kandi ububasha yagabiwe bukamufasha kubaho abereyeho umugambi w'Imana kandi abereyeho urumuri rw'Imana ibihe byose kandi ubuziraherezo.

Uri mu rumuri rw'Imana rero ntabwo atsikira kandi uri mu rumuri rw'Imana ahorana urumuri kandi agahora iteka amurikira Isi yose kuko aba atunze Jambo-Rumuri muri we kandi Kristu Rumuri rw'amahanga akaba aba aganje mu buzima bwe kuko Kristu ari umwe na DATA kandi akaba umwe n'Umwuka Muziranenge wa DATA, Roho Mutagatifu, kuko ahora amurikiye Isi yose kandi agahora iteka ari urumuri rumurikira Isi kuva yaremwa, uri rero muri urwo rumuri kandi uri muri ubwo buzima ahoraho ibihe byose kandi agahora iteka aganje mu bubasha bw'Imana kandi agahora iteka abengerana ububasha bw'Uhoraho Imana mu buzima bwe bwa buri munsi kandi mu bikorwa bye bya buri munsi kuko nta kimuziga kandi nta kimugora nta kimunanira kandi nta kimuvutsa ayo mahirwe kuko aba aganje iteka mu rumuri rw'Imana kandi akaba aganje iteka mu bubasha budakumirwa bw'umugambi w'Imana kandi mu bubasha budakumirwa bw'ubumwe afitanye n'Uhoraho Imana umuremyi, ntabwo rero urupfu rubaho ku wambaye umubiri-rumuri kuko ahoraho iteka mu buzima bwose kandi ibihe byose by'ubuzima bwe akabibamo mu rumuri kandi akabibamo mu bubasha bukomeye bw'Imana

igenga byose kandi Imana isumba byose, uwaganje rero mu byiza bya DATA kandi uganje mu rumuri rwa DATA ahorana ibyishimo kandi agahora mu bubengerane yaka nk'urumuri rw'izuba kandi akarurusha kwaka kuko aba afite ububasha bwose bw'Imana DATA muri we kandi aba afite imbaraga zose z'urukundo rw'Imana DATA muri we bityo rugahigika byose kandi rugatsinda byose maze akanyura mu bikomeye n'ibyoroheje nta kimutangiriye kandi nta kimufashe ngo gisubike urugendo rwe kandi gihagarike imigambi myiza aba agomba gukorera Muntu kandi aba agomba gukorera Isi yose agaragaza ububasha bw'Imana kandi agaragaza ukubaho muri DATA kuko igihe cyose ahorana izo mbaraga kandi igihe cyose agatura muri urwo rumuri rugatsinda ikibi cyose kandi rugahigika imbaraga zose z'umwanzi.

Uri mu rumuri rw'Imana rero kandi uri mu mubiri-rumuri ntabwo yigera atsindwa kandi nta n'ubwo yigera avogerwa n'imbaraga z'umwanzi kuko ahorana iteka ibitekerezo bizima kandi agahorana iteka ibyifuzo bihuje n'ugushaka kw'Imana kuko aba akorera mu gushaka kw'Imana byose kandi ugushaka kw'Imana kukamutambutsa hose kuko aba yunze ubumwe n'Imana DATA kandi ari mu bubengerane bukomeye bw'imbaraga za DATA mu kumurikira Isi kandi mu guhigika ibikorwa byose by'umwanzi no gutahura imigambi yose y'umwanzi bityo igatsindwa n'urumuri umubiri-rumuri uba wambaye kandi Muntu-Rumuri aba yambaye kuko ubwo bubasha ari bwo bumuha guhigika ibikorwa byose by'umwanzi kandi bukamuha gutambuka ahakomeye n'ahoroheje nta kimuziga kandi nta kimubereye imbogamizi ndetse n'inkomyi

mu kugana umugambi w’Imana kandi mu gusabana n’ububasha bukomeye bw’ Uhoraho Imana ibihe byose.

## 4. IHEREZO RYA MUNTU NI UKUBAHO YUNZE UBUMWE N'IMANA DATA

Mwene Muntu urugendo rwe kandi intangiriro n'inkomoko ye agomba gusoreza ubuzima bwe mu rukundo rw'Imana DATA kandi agasoreza imibereho ye mu bumwe n'Imana DATA yaba ari mu mubiri kandi yaba atari mu mubiri kuko ari umugambi w'Imana DATA ugomba kuzuzwa kandi ari ububasha bwa DATA bugomba kugerwaho kugira ngo Mwene Muntu yiyumvemo isano nyakuri y'ububasha bw'Imana DATA kandi yiyumvemo inkomoko ikomeye y'urumuri rw'Imana DATA muri we ndetse kubaho abereyeho umugambi w'Imana kandi abereyeho gushaka kw'Imana. Uhoraho Imana yateguriye Mwene Muntu ibyiza kandi ibyo byiza Muntu agomba kubihabwa kandi agomba kubigeraho binyuze mu mutsindo ukomeye w'ibikorwa bya DATA kandi mu mutsindo ukomeye Mwene Muntu agomba guturamo abaho mu buzima bushya kandi abaho nka Muntu mushya wujuje ibyangombwa byose bikomoka kuri DATA kandi Muntu mushya wujuje ubumana muri we akuzuza urumuri muri we kandi akiyuzuzamo Umwuka Muziranenge agabirwa na DATA bityo ugasenderera muri we kandi ukamubeshaho maze agahabwa imbaraga zo kunga ubumwe n'Imana DATA kandi gusabana n'ububasha bw'Imana DATA muri byose na hose.

Ni integuro rero ya DATA idashobora gusimbukwa kandi ni integuro ya DATA idashobora gukurwaho kuko Mwene Muntu atarusha Uhoraho Imana umuremyi we ububasha kandi atarusha imigambi ya DATA imbaraga kuko Uhoraho Imana

icyo yamuteguriye kandi Uhoraho Imana icyo yamugeneye ni cyo agomba kuba cyo kandi ni cyo agomba guturamo kugira ngo asabane n’ukuri kw’Imana kandi asabane n’ububasha bw’Imana DATA muri byose kandi ibihe byose, ububasha rero bw’Imana ni igihe cyo kugira ngo bwiyuzuze muri Mwene Muntu kandi buhindure byinshi muri Mwene Muntu bityo agire iherezo rizima kandi agire iherezo ryiza ryuje urumuri kandi ryuje intamo y’ububasha bwose bw’Imana DATA kuko hari byinshi bigomba gukorerwa muri Muntu kandi hari imbaraga zikomeye z’umutsindo zigomba kumvikana mu buzima bwa Mwene Muntu kugira ngo yiyumvemo urukundo rw’Imana kandi yiyumvemo ubuziranenge bukomoka kuri DATA mu gutsinda Isi kandi mu gusiga Isi n’ibyayo bityo Mwene Muntu agatura mu buzima bushya kandi agatura mu mibereho mishya imugenewe kandi mu mibereho mishya DATA yari yamuhangiye kandi yari yamushyireho ibihe byose kandi ubuziraherezo.

Ni igihe rero cyo kugira ngo Mwene Muntu izo mbaraga azumve muri we kandi ubwo bubasha abwakire mu buzima bwe bityo yunge ubumwe na DATA kandi yunge ubumwe n’ibikorwa byose by’Ijuru ryose mu gusangira umurage kandi mu gusangira ibyiza na Yezu Kristu yari yaje guha Mwene Muntu kandi yari yaje kugaragariza Mwene Muntu amuhambura ku ngoyi y’umwanzi kandi amukura mu bubata bw’umwanzi kugira ngo amwereke iherezo rya byose kandi yongere kumwibutsa intangiriro ya byose, ni igihe cyo kugira ngo Mwene Muntu ahabwe izo mbaraga zikomeye zimuhumuriza kandi izo mbaraga zikomeye zimwibutsa

gakondo ye kandi zimwibutsa intangiriro yo kubaho kwe kandi intangiriro y'ubuzima bwe kuko habayeho kwibagirwa kwa Muntu kandi hakabaho kwirengagiza kwa Mwene Muntu urukundo rwamuhanze kandi ubumana yahangiwe kandi agomba kubamo agaturamo.

Ni igihe cyo kugira ngo rero izo mbaraga zigaragarize Mwene Muntu kandi ubwo bubasha bukomeye bw'umuremyi wa byose bwumvikane mu buzima bwa Mwene Muntu kuko atagomba guhera nk'inyamaswa kandi atagomba kuzimira ahubwo agomba kubaho muri DATA kandi akabaho ubuzima bwose abubereyeho DATA kandi ari mu isura n'ishusho nyakuri y'Imana DATA, hari byinshi rero biteguriwe Mwene Muntu kandi hari byinshi bigenda bikurwa mu mayira kugira ngo Mwene Muntu arusheho kwiyakiramo izo mbaraga kandi arusheho kwiyakiramo ubwo bubasha bukomeye buturuka ku Mana kandi izo mbaraga zikomeye zituruka kuri Uhoraho Imana zigomba kumurengera kandi zigomba kumufasha gutsinda byose ndetse no kwiyambura byose bityo akaberaho umugambi w'Imana DATA kandi akaberaho ibikorwa by'Imana umuremyi wa byose.

Ni igihe rero cyo kugira ngo Mwene Muntu ahumurwe koko mu buryo bwuzuye kandi yamburwe ikote ry'umwanzi yamburwe umubiri-gisazira bityo yakire imbaraga z'umubiri-mana kandi yakire imbaraga z'urumuri mu mubiri we bityo izo mbaraga z'urumuri zimufashe kubaho ayobowe n'Umwuka Muziranenge wa DATA kandi ashobozwa byose kandi afashwa byose n'imbaraga z'ububasha bwa DATA zigomba kumugenga kandi zigomba kumuyobora iminsi yose kandi ibihe byose.

Ni igihe rero cyo kugira ngo Mwene Muntu atsindirwe kandi igihe cyo kugira ngo Mwene Muntu ahabwe umutsindo ukomeye w'urukundo rwa DATA bityo uture muri we kandi ube mu buzima bwe ibihe byose kuko Muntu ataremewe ubushanguke kandi Mwene Muntu ataremewe kurimbuka ndetse no guhera ahubwo abereyeho ubuzima bw'iteka kandi abereyeho kubaho mu rukundo rw'Imana ndetse no kunga ubumwe na yo igihe cyose kandi iminsi yose kugira ngo umugambi w'Imana uture muri we kandi umugambi w'Imana wuzuzwe mu buzima bwe kandi ugaragare mu mibereho ye ya buri munsi nta kimuziga kandi nta kimubuza ubwisanzure mu bubasha bw'Imana kandi mu bubasha bw'umubiri-mana Mwene Muntu agomba kwambara kandi agomba guhorana iminsi yose kandi ukubaho kwe kose akakubaho muri DATA kandi akakubaho mu bubasha bukomeye bw'Imana umuremyi kandi Imana umutegetsi n'umugenga wa byose.

Ni igihe rero cyo kugira ngo Mwene Muntu yakire izo mbaraga kandi yiyumvemo ubwo bubasha bukomeye bw'Imana DATA bwamuremeye kubaho muri ubwo buzima kandi bwamuremeye kubaho mu buzima buhoraho iteka ryose kandi mu buzima budapfa ubuzima buzira ubushanguke kandi ubuzima buzira ikibi, ni igihe rero cyo kugira ngo Muntu agaragarizwe uwo mutsindo kandi awambikwe mu buryo budasubirwaho kandi mu buryo budasubizwa inyuma kuko hari ikigomba gukorwa mu bubasha bw'Imana DATA kugira ngo Muntu yumve iherezo rye kandi yumve n'inkomoko ye bityo ayizirikaneho kandi ayituremo abiharanira kandi yumva koko ko ari yo herezo kandi ari ryo herezo rye ry'ubuzima bwe

ko ari ukubana n'Imana kandi gukorera byose mu mubiri-mana ibihe byose kandi iminsi yose.

## UMWANZURO

Umubiri-mana, umubiri-rumuri, umubiri-mwuka, umubiri-muntu byose byubatse ububasha bw'Imana DATA kandi byose byubatse ubugenga bw'Imana DATA muri byose kandi mu isano Uhoraho Imana afitanye na Mwene Muntu kuko izo mbaraga ari zo ububasha bw'Imana DATA kandi ari wo musabano nyakuri wa Muntu n'Imana mu bihe byose kandi Uhoraho Imana yifuriza Mwene Muntu ko agomba kubaho muri ubwo buryo kandi agomba kubaho abereyeho ikuzo ry'Imana DATA kandi abereyeho umugambi w'Imana DATA nta gituma adakora ugushaka kw'Imana kandi nta gituma yakwirengagiza umugambi w'Imana kandi yakwica ibikorwa by'Uhoraho Imana.

Ni igihe rero cyo kugira ngo ubwo bubasha bw'Imana DATA bwigaragarize muri Mwene Muntu kandi buhindure byose bishya kandi bihindure byose bundi bushya mu mugambi w'Imana udakuka ku mugambi ifitiye Mwene Muntu kandi ku isezerano yamugiriye ryo kubaho muri we kandi kubaho iteka abereyeho ububasha bw'Imana kandi abereyeho isura kandi ishusho nyakuri y'Uhoraho Imana.

Ni igihe rero cyo kugira ngo Mwene Muntu izo mbaraga azumve kandi ubwo bubasha bukomeye bw'Imana isumba byose Mwene Muntu abwakire kuko ari igihe cyo kugira ngo Muntu akizwe amaboko y'umwanzi kandi Mwene Muntu akizwe ububasha bwose bw'umwanzi maze ahuze umugambi na DATA kandi ahuze urugwiro n'Imana-Mwana kandi

n'Imana-Roho Mutagatifu mu musabano kandi mu bumwe budakuka bw'ibikorwa bigomba gukorerwa muri Mwene Muntu kandi bigomba kumufasha kwiyunga n'uwamuhanze kandi kubana n'Imana ibihe byose kandi ubuzima bwe bwose.

Ni igihe rero cyo kugira ngo izo mbaraga z'Uhoraho Imana kandi iyo nteguro nziza yageneye Mwene Muntu kandi iyo nteguro nziza yateguriye Mwene Muntu abashe kuyibamo kandi abashe kuyituramo yumva kubaho mu mubiri-mana kandi yumva ko mu mubiri-rumuri ndetse no kubaho mu mubiri-mwuka icyo bivuze ko ari ugusabana n'Ijuru ryose kandi Muntu agasubira aho Uhoraho Imana yari yaramushyize kandi yari yaramuteguriye agomba kuba kandi agomba gutura ubuzima bwe bwose yuje ibyishimo kandi yambaye koko iyo myambaro ikomeye y'ububasha bwa DATA kandi yambaye izo mbaraga z'ububasha bwa DATA mu mubiri-mana, mu mubiri-rumuri ndetse no mu mubiri-mwuka wa DATA kuko ari ho Mwene Muntu yagombaga gutura igihe cyose agahora iruhande rw'Imana kandi igihe cyose agahora mu mbaraga z'Imana.

Iyo nteguro rero kandi ubwo bubasha nta kigomba kubukuraho kuko ari igihe cyo kugira ngo Mwene Muntu yamburwe ibyatumye atabona urwo rukundo rw'Imana kandi ibyatumye yirengagiza ubwo bubasha bw'Imana byose akabyamburwa akabikurirwa mu nzira bityo agasiganirwa kumva ko agomba kubana n'Uhoraho Imana kandi agasiganirwa kumva ko agomba kuba mu buzima buhoraho na DATA kandi mu buzima buhoraho bw'umubiri mushya kandi umubiri usukutse umubiri

usukuye mu buryo bunoze kandi mu buryo buhuje umugambi n'icyo DATA yifuza kuri Mwene Muntu kandi amushakira.

Ni imigambi rero kandi ni integuro y'umutsindo wa DATA ugomba kugaragarira kuri Mwene Muntu kugira ngo abone kandi yumve urukundo Uhoraho Imana amukunda kandi yumve umugambi ukomeye Uhoraho Imana amwifuzaho kandi yamugiriye kuva yamurema kandi kuva yamubeshaho kuko ububasha bw'Imana DATA buzigaragariza Isi yose kandi natwe twahawe izo mbaraga kandi tukagaragaza imirimo ya DATA mu kubaho mu mubiri we kandi mu kubaho mu rumuri rwe bityo tugatsinda Isi tukayiyaka kandi tukagera mu ikuzo rya DATA nta kidukuye mu nzira kandi nta kidutambamiye.

Twaje rero kugira ngo Mwene Muntu tumwibutse izo mbaraga kandi Mwene Muntu tumwibutse inkomoko ye ndetse na gakondo ye agomba gutahamo kandi agomba guturamo kuko ari cyo cyatuzanye mu Isi kandi kikaduha kwambara umubiri-muntu kandi kugira ngo Mwene Muntu arusheho kumva ko nta kidashoboka imbere y'Uhoraho Imana kuko byose bihira abakunda Imana kandi byose bigashobokera abemera n'abirekura, twirekuriye mu biganza bw'Uhoraho Imana kandi dukora icyo Uhoraho Imana yifuza kuko Mwene Muntu iteka ikimudindiza kandi ikimuzitira ari ukwirengagiza kandi ari ukutumva urukundo rw'Imana ndetse no kutiyumvamo umubiri-mana muri we kugira ngo umufashe gutunganya byose kandi umufashe kunogerwa n'umugambi w'Imana ibihe byose.

Twaje rero kugira ngo Mwene Muntu yumve izo mbaraga kandi Mwene Muntu yakire ubwo bubasha muri we bityo asukurwe kandi ahanagurwe aho yanduye kandi yandujwe n'umwanzi bityo yinjire mu bubengerane nyakuri mu ikuzo ry'Imana DATA maze abane n'Uhoraho Imana kandi abe mu mubiri Uhoraho Imana amwifuriza kandi amushakira wo kugira ngo iteka ahore yunze ubumwe na we kandi ahore iteka asabanye n'urukundo ruhoraho rw'Imana kandi asabanye n'ububasha buhoraho bw'Imana umugenga kandi umuremyi wa byose.

Ni imbaraga rero Mwene Muntu agomba kwakira kandi ni ububasha Mwene Muntu agomba kumva mu buzima bwe bwa buri munsi kandi mu mibereho ye ya buri munsi kuko ari igikorwa cy'Uhoraho Imana kandi ari umugambi w'Uhoraho Imana ugomba kuzuzwa kandi ugomba kuzurizwa mu mubiri-muntu kugira ngo yumve isano nyakuri kandi yumve inkomoko nyakuri ituruka muri DATA kandi inkomoko nyakuri imuha kubaho abereyeho umugambi w'Imana kandi ahagaze mu gushaka kw'Imana, byose rero bigomba kuzuzwa mu mbaraga z'umutsindo wa DATA kandi mu mbaraga z'umutsindo w'ubuziranenge bwe kuko bugomba kumvikana mu Isi kugira ngo byose bihindurwe bishya ku bw'ijambo rya DATA kandi ku bw'urumuri rwe rugomba kumurikira Isi kandi rukamurikira Mwene Muntu mu mutima we bityo agahindurwa mushya kandi akabaho mu buzima bushya buzira icyasha kandi buzira ubwandure ubwo ari bwo bwose.

Ni igihe rero cyo kugira ngo uwo mutsindo wigaragarize Muntu kandi Mwene Muntu azamurwe mu bubengerane bw'Imana kuko twaje kwereka Mwene Muntu ko inzira Uhoraho Imana

yamushyiriyeho ishoboka kandi akwiriye kuyinyura ntacyo yikanga kandi ntacyo atwaye kimuzitira kandi ntacyo yikoreye gituma atagera mu rukundo rw'Imana kandi adasabana n'imbaraga z'ikibatsi cy'urumuri rwa DATA ruhoraho rubeshaho kandi rugatagatifuza rukarinda ubwandu ubwo ari bwo bwose.

Mwene Muntu rero abereyeho Imana kandi Mwene Muntu abereyeho umugambi w'Imana akaba abereyeho ubuzima buhoraho iteka ryose kandi ubuzima budapfa bukaba bugomba gutura muri Muntu kugira ngo koko yuzuze ibyangombwa byose kandi yumve isano nyakuri ye n'Imana umuremyi kandi Uhoraho Imana umugenga wa byose, nta kizabuza rero Mwene Muntu kugera ku mutsindo w'ibikorwa bikomeye bya DATA kandi gusubirana kamere nyakuri Uhoraho Imana yamuhangiye kandi yamuhanganye kugira ngo ayituremo kandi ayibemo ibihe byose kandi ubuziraherezo.

Twaje rero kuzuza byose kandi twaje gufasha Mwene Muntu gutunganya kandi kongera kumva ndetse no gukumbura ibyiza bikomoka mu rukundo rw'Imana kugira ngo bibe muri we kandi biture muri we maze yunge ubumwe na DATA kandi akorere byose muri DATA mu bubasha bwe kandi mu ikuzo rye ry'umubiri-mana, umubiri-rumuri, umubiri-mwuka bityo byuzuze Muntu mushya kandi Muntu ubereyeho ikuzo ry'Imana kandi ubereyeho umugambi w'Imana.

AMAHORO AMAHORO IBIHE BYIZA KUGUBWA NEZA NDI MARIYA NYINA W'IMANA, UMWAMIKAZI W'IJURU N'ISI KANDI NKABA KOKO UMUBYEYI W'IBIREMWA BYOSE KUKO NAJE

KUMVIKANISHA IMBARAGA MU BIREMWA KANDI NAJE KUMVIKANISHA URUKUNDO RW'IMANA MU KIREMWA MUNTU KUGIRA NGO CYAKIRE UBUBASHA BUHORAHO BW'IMANA KANDI GIHORE ITEKA CYIYUMVAMO UMUTSINDO UKOMEYE W'URUKUNDO RW'IMANA DATA MU BUZIMA BWE KANDI MU MIBEREHO YE YA BURI MUNSI.

AMAHORO AMAHORO IBIHE BYIZA KUGUBWA NEZA NDI MARIYA NYINA W'IMANA, UMWAMIKAZI W'IJURU N'ISI, AMAHORO AMAHORO!